

Bibiliya y'abana irerekana



Nowa
n'umwuzure



yanditswe na: Edward Hughes
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.
yahinduwe na: Elizabeth Johnson
yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org



BFC
PO Box 3
Winnipeg, MB R3C 2G1
Canada

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.




Nowa yari
umugabo uhimbaza Imana.
Abandi bose bangaga Imana
bakanayisuzugura. Umunsi
umwe, Imana ibwira ibintu
bitari byiza nowa iti, "Ngiye

kurimbura iyi
si mbi,"
"umuryango wawe
wonyine niwo
uzarokoka."



Imana iburira Nowa ko umwuzure
ukaze cyane uzaza ugatwikira isi. Nowa
arabwirizwa ngo, "ubaka inkuge, ubwato
bunini buhagije ku muryango wawe
n'inyamaswa nyinshi." Imana iha
Nowa amabwiriza ahamye. Nowa
atangira
gukora!





Byanze bikunze Nowa
abantu baramusekaga
abasobanurira
impamvu arimo
gukora
inkuge.

Nowa
akomeza
kubaka.
Yakomeje no
kubwira abantu
iby'Imana.
Ntawumvise.






Nowa yagiraga ukwemera
kwinshi. Yizeraga Imana
n'ubwo imvura itari
yarigeze kugwa mbere.
Mu gihe gito inkuge yari
yuzuye ngo iyyemo
ibigomba kuuyamo.




Haza inyamaswa. Imana yazanye ku moko arindwi,
n'abiri ku yandi moko. Inyoni nini n'into, inyamaswa
nto n'inini byose bifata inzira
ijya mu nkuge.



Birashoboka ko abantu bahutazaga
Nowa bakanamutuka kuko
yinjizaga inyamaswa.
Ntibigeze bawema
gucumura ku Mana.
Ntibigeze basaba
kwinjira mu nkuge.



Iherezo, inyamaswa zose
n'inyoni byageze mu nkuge.



Imana
itumira
Nowa iti,
"Ngwino mu
nkuge, wowe
n'umuryango
wawe." Nowa,
Umugore we, abahungu
be batatu n'abagore babo
binjira mu nkuge. Noneho
Imana ifunga urugi!





Hanyu imvura iragwa. Imvura nyinshi
izana umwuzure ku isi umara iminsi
mirongo ine n'amajoro mirongo ine.






Amazi
y'umwuzure
arengera imirwa n'imijyi. Igihe
imvuza yahagaze kugwa, n'imisozi yari
yararengewe n'amazi. Ibihumeka
umwuka byose byarapfuye.







Uko amazi yuzuraga, inkuge
yarerembaga hejuru yayo.
Hashobora kuba hari
hijimye mo imbere,
hashobora kuba hari
hameze nabi, hashobora no
kuba hari hateye ubwoba.
Ariko inkuge yarinze Nowa
umwuzure.







Nyuma y'amezi atanu y'umwuzure,
Imana yohereza umuyaga wumisha.
Buhoro, inkuge iza guhagarara
hejuru mu misozi ya Ararati.
Nowa agumamo imbere indi
minsi mirongo
ine amazi
agabanuka.





Nowa yohereza igikona
n'inuma hanze abinyujije
mu idirishya ry'inkuge.
Ntihaboneka ubutaka
bwumutse bwo kuruhukiraho,
inuma igarukira Nowa.






Nyuma y'icyumweru,
Nowa arongera
aragerageza. Inuma
igarukana ikibabi
cy'umunzenze mu kanwa kayo.
Icyumweru gikurikiyeho Nowa
amenya ko isi yumye kuko
inuma itigeze
igaruka.




Imana ibwira Nowa ko cyari igihe cyo
gusohoka mu nkuge. Afatanyije
umuryango we, Nowa asohora
inyamaswa.





Ni gute Nowa
yashimye!
Yubaka igicaniro
atambira Imana
yo yamurokoye
n'umuryango we
umwuzure
ukomeye.



Imana iha
isezerano
ryiza Nowa.
Ntizongera
kohereza umwuzure
guhana icyaha cy'umuntu.

Imana yatanze
urwibutso rw'
isezerano ryayo.
Umukororombya
wari ikimenyetso
k'isezerano ry'Imana.

Nowa
n'umuryango we
babonye itangiriro rishya
nyuma y'umwuzure. Muri
icyo gihe, abamukomoka
ho bongera gutura
isi yose.

Abatuye isi bose
bavuye kuri Nowa n'abana be.



Nowa n'umwuzure

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 6-10

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130






Iherezo



3



60



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanje Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanje, mbabarira ibyaha byanje, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16

